# Ubutumwa bwo gukumira no kurwanya ikoreshwa, ikwirakwizwa n'icuruzwa ry'ibiyobyabwenge mu Rwanda

# IBIRIMO

IRIBURIRO ........ 5
IKIYOBYABWENGE NI IKI? ........ 6
BIMWE MU BIYOBYABWENGE BIKUNZE GUKORESHWA MU RWANDA ........ 6
Urumogi (cannabis sativa) ........ 6
Cocaine ........ 7
Heroin (mugo) ........ 8
Mayirungi (khat) ........ 9
Kanyanga ........ 9
Imiti ifatwa nk'ibiyobyabwenge ........ 10
Ibindi biyobyabwenge ........ 11
UKO IBIYOBYABWENGE BYINJIRA MU RWANDA ........ 12
IMPAMVU ZITUMA UMUNTU AKORESHA IBIYOBYABWENGE ........ 13
NI RYARI BAVUGA KO UMUNTU YABAYE IMBATA Y'IBIYOBYABWENGE ........ 13
INGARUKA ZO GUKORESHA IBIYOBYABWENGE ........ 13
Ingaruka ku mubiri ........ 13
Ingaruka k'ubuzima bwo mu mutwe ........ 14
Ingaruka ku mibanire n'abandi, ku murimo n'ejo hazaza ........ 14
UBURYO BWO GUFASHA UWAHUYE N'IKIBAZO CY'IKORESHWA RY'IBIYOBYABWENGE ........ 15
URUHARE RW'URUBYIRUKO MU KURWANYA NO GUKUMIRA IBIYOBYABWENGE ........ 16
IHANWA RY'ICURUZA, IKORA N'IKORESHWA RY'IBIYOBYABWENGE ........ 16
INGAMBA ZAFASHWE MU GUKUMIRA IBIYOBYABWENGE ........ 19

## IRIBURIRO

Ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge ni ikibazo gikomereye ibihugu byose by'isi, kigahangayikisha n'abayituye. Mu Rwanda imibare igaragaza ko abakoresha ibiyobyabwenge bagenda biyongera. Duhereye mu mwaka wa 2016 imibare itwereka ko hafashwe abantu banywa cyangwa bacuruza ibiyobyabwenge **4818**, hafatwa ibiro **4571,389** by'Urumogi, litiro **18238,1** za Kanyanga ndetse n'ibiro **4,1** bya Heroin n'ibiro **6** bya mayirungi. Abafashwe batagejeje ku myaka **18** ni abana **55.** Ni ukuvuga ko abarengeje imyaka 18 bari **4763.**

Mu mezi ane abanza y'umwaka wa 2017 mu Rwanda hafashwe ibiro **1887** by'urumogi na litiro **3299** bya kanyanga ndetse hanafatwa ibiro **4** bya Mugo(heroin). Dushingiye ku ku rutonde rw' ibiyobyabwenge ruteganywa n' mategeko igihugu cyacu kigenderaho, ibikunze kugaragara ni: **urumogi, kanyanga, mayirungi, Mugo(Heroin), lisansi, kole, chief waragi, suzie waragi, cocaine, muriture n'ibinini byo kwa muganga bikoreshwa nk'ibiyobyabwenge nka Rohypinol, Diazepam na Morphine.**

Muri rusange bigaragara ko muri ibi biyobyabwenge, ibyinshi bituruka mu bihugu duhana imbibi kimwe n'ibiva hanze y'Akarere u Rwanda rubarizwamo.

Mu Rwanda kimwe no mu bindi bihugu, byagaragaye ko umubare w'abakoresha ibiyobyabwenge ugenda ufata intera nini.

Urugero : Mu bitaro bivura indwara zo mu mutwe by'i Ndera, umubare w'abafite ibibazo byo mu mutwe batewe n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge wavuye 994 muri 2010, ugera kuri 1432 muri 2015, 2804 muri 2016 naho muri 2017 ni abantu 1960. Huye Isange Rehabiliattaion Center yo muri 2017 yakiriye abantu 209 bafite ibibazo bituruka ku ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge; naho bivurije mu bitaro by'uturere ni abantu 448.

Ni byiza ko abanyarwanda bose bafatikanya mu gukumira no guca burundu icuruzwa n' ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge ndetse no kwita kubabaye imbata yabyo.

## 1. IKIYOBYABWENGE NI IKI?

Ikiyobyabwenge n'ikintu cyose gihindura imitekerereze n'imyitwarire bikagira ingaruka ku buzima bw'umuntu, cyaba kinyowe, gihumetswe cyangwa gitewe mu rushinge, n'ubundi buryo bwose cyafatwamo.

Uretse ibiyobyabwenge bizwi nk'urumogi, kokayine, heroyine (Mugo) n'ibindi, ubusanzwe kugirango ikintu kitwa ikiyobyabwenge iyo cyamaze gushyirwa kuri urwo rutonde na Minisiteri y'ubuzima.

## *2. BIMWE MU BIYOBYABWENGE BIKUNZE GUKORESHWA MU RWANDA*

### URUMOGI (CANNABIS SATIVA)

Urumogi rwitwa amazina menshi harimo **Bangi, Ganja, Agatabi ko ku mugongo w'ingona** n'andi.






Muri rusange abatwara urumogi bakoresha imodoka ariko hariho n'abarupfunyika mu bihaza, abarwambara ku mubiri n'abarutwara muri za teremusi. Ingero:







## KOKAYINE

Ni ikiyobyabwenge gisa n'ifu y'umweru kiva mu bibabi by'igiti kitwa **COCA** kiboneka mu bihugu byo muri Amerika y'amajyepfo nka Columbia, Brazil, Argentine na Mexique. Igiti cya Coca gisa na kawa duhinga iwacu mu Rwanda. Ariko iyo ibyo bibabi babivanze n'indi miti yo mu butabire bita sulfuric acid, potassium permanganate na hydrochloric acid bitanga ifu y'umweru ariyo twita Cocaine. Iyi fu ikaba ikoreshwa nk'icyiyobyabwenge bitera mu maraso cyangwa bakagihumeka.










## HEROYINE (MUGO)


Ni ikiyobyabwenge gisa n'ifu y'umweru ariko cyo gikorwa mu mariragege y'urubuto rw'igiti cyitwa Opium Poppy gihingwa mu bihugu byo muri Asia nka Pakistani, Afuganistani na Yemeni. Mu Rwanda kizwi ku izina rya Mugo kikaba gikoreshwa kivanzwe n'urumogi cyangwa bakagihumeka. Nk'uko twabibonye kuri cocaine, iki kiyobyabwenge cya heroin nacyo gikorwa hifashishijwe indi miti yo mu butabire bita sulfuric acid, potassium permanganate na hydrochloric acid bitanga ifu y'umweru ariyo twita heroin cyangwa Mugo.












## MAYIRUNGI (KHAT)

Ni ikiyobyabwenge gisa n'ibyatsi bikunze kugaragara bizengurutse ubusitani bwinshi muri iki gihe. Gituruka mu bihugu bya Kenya, Tanzaniya na Etiyopiya ariko no mu turere twa Kirehe na Ngoma gikunze kwimeza mu mashyamba. abakinywa bagikanjakanja bakivanze na shikareti kikababuza gusinzira.






## KANYANGA

Ni ikiyobyabwenge gisa n'amazi kikaba gikorwa mu nzoga zishaje cyangwa mu bisigazwa by'umushongi w'ibisheke. Kenshi kanyanga ituruka ituruka mu bihugu duhana imbibe.



Mu bufatanye bw'inzego zitandukanye kanyanga ifatwa mu Rwanda iramenwa.



## IMITI IFATWA NK'IBIYOBYABWENGE

Ni imiti yandikwa na muganga igenewe abantu bafite ububabare budasanzwe, ikaba idakwiye kunyobwa na buri muntu ubonetse wese. Kuri uru rutonde rw'imiti ifatwa nk'ibiyobyabwenge, ikunze kugaragara mu ngo zicuruza ibiyobyabwenge twavuga Rohypnol, Diazepam na Morphine.









## IBINDI BIYOBYABWENGE

Iteka rya Minisitiri w'ubuzima numero 20/35 ryo kuwa 09/06/2015 ryashyize ku rutonde rw'ibiyobyabwenge ibi bikurikira: **Chief Waragi**, **Suzie Waragi**, **Muriture, Kole** (kuyihumeka), **Lisansi** (kuyihumeka) ndetse n'indi nzoga ifite alukolo y'ubwoko bwa **methanol ingana na 0,5%.** Gusa igipimo cya alukolo inywebwa yo mu bwoko bwa **Ethanol ni 45%,** iyo irenze aha ikinyobwa nacyo gifatwa nk'ikiyobyabwenge.

Ntitwakwibagirwa ibindi bisindisha bitemewe byabujijwe n'ikigo gishinzwe ubuziranenge (Rwanda Standard Board) harimo inzoga zizwi nka **SURUDUWIRI,** zifunze mu macupa ya palasitiki ndetse n'izindi nzoga z'inkorano nka**,** **Yewemuntu, Umugori, Umunanasi, Nyirantare** n'izindi.



AFRICAN GIN



BLUE SKY GIN




CHIEF WARAGI




ZEBRA




SURUDUWIRI

Inzoga zo mu mashashi nyinshi ziturukа mu bihugu duhana imbibi ariko izo mu ducupa twa plasitiki zo no mu Rwanda zirahakorerwa.

## 3. UKO IBIYOBYABWENGE BYINJIRA MU RWANDA

Muri rusange byishi mu ibiyobyabwenge bikoreshwa mu Rwanda bituruka mu Ibihugu duturanye. Ibiyobyabwenge bimwe bikomoka mu Ibihugu duturanye (Urumugi, mirungi, kanyanga etc), mu gihe ibindi (Cocaine, heroin, morphine etc) biturukayo bihanyuze (transit) kuko bikomoka hanze y'Akarere u Rwanda rurimo.




## 4. IMPAMVU ZITERA IKORESHWA RY'IBIYOBYABWENGE

Mu mpamvu zikunze kuvugwa kw'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge twavuga izi zikurikira:

- Ikwirakwizwa ry'ibiyobyabwenge (byorohereza ababikoresha kubibona),
- Icyo bitanga mu mubiri w'ababikoresha,
- Agakungu/ikigare,
- Ibibazo bijyanye n'amarangamutima, ibitekerezo,
- Ubumenyi buke ku ngaruka zikoreshwa ry'ibiyobyabwenge,
- Umwuga, aho umuntu atuye, abo abana nabo (hagaragara ikoreshwa
- ry'ibiyobyabwenge),
- Uburwayi bwo mu mutwe.

## 5. UBURYO IBIYOBYABWENGE BIKORESHWA

Uburyo bukunze gukoreshwa twavuga nko: gutumura, kunywa binyuze mu kanwa, kwitera inshinge, guhumeka cyangwa gushoreza.

## 6. NI RYARI BAVUGA KO UMUNTU ARI IMBATA Y'IKIYOBYABWENGE?

Bavuga ko kugira ngo umuntu yitwe imbata y'ikiyobyabwenge agomba kuba afite bitatu mu bimenyetso bikurikira:

- Irari ridashira ryo gufata ikiyobyabwenge,
- Kugira ububabare cyangwa ibindi bimenyetso iyo ikiyobyabwenge
- cyagabanutse cyangwa cyabuze mu mubiri,
- Gukenera kongera ingano y'ikiyobyabwenge kugirango yumve amerewe
- neza uko abishaka (tolerance),
- Gutakaza ishyaka ryo gukora ibindi bintu bitari ikoresha ry'ikiyobyabwenge,
- mbese gukoresha igihe kinini cy'umwanya we wa buri munsi ku ikoreshwa
- ry'ikiyobyabwenge,
- Gukomeza gukoresha ikiyobyabwenge n'igihe azi neza ingorane cyamuteje
- ningaruka ashobora guhura nazo.

## 7. INGARUKA ZO GUKORESHA IBIYOBYABWENGE

Ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge rigira ingaruka ku mubiri, ku buzima bwo mu mutwe, ku mibanire n'abandi, ndetse no k'umurimo cyangwa umwuga umuntu yari asanzwe akora.

Izindi ngaruka ziba kuri ejo hazaza h'umuntu. Hiyongeraho kandi ingaruka zijyanye no guhanwa n'amategeko.

### Ingaruka ku mubiri

Mu ndwara z'umubiri twavuga nk'uburwayi bw'umwijima, ubw'umutima ubwonko n'imyakura ndetse n'ubumuga bushobora kubikomokaho. Hari kandi uburwayi bw'urwungano ngogozi, indwara z'ubuhumekero, kanseri, gutakaza ubushobozi bw'umubiri bwo kurwanya indwara, SIDA, ibindi…

### INGARUKA K'UBUZIMA BWO MU MUTWE

Ibibazo byo mu mutwe birushaho kuba urusobe ndetse uko bitinda abantu bakagira indwara zikomeye zirimo: gutakaza ubushake bwo gukora, ubushobozi bwo gufata mu mutwe, agahinda gakabije no kwiyahura, ndetse n'uburwayi bukomeye bwo mu mutwe.

### Ingaruka ku mibanire n'abandi, ku murimo n'ejo hazaza

Muri zo twavuga guhora mu myenda (amadeni), impagarara n'amahane mu muryango, gusaba impushya za hato na hato ndetse no gusiba akazi, kwirukanwa mu mashuri cyangwa ku kazi, ubukene, kwiyandarika, uburaya n'ibindi…
Ingaruka ku bukungu bw'igihugu nazo ziragaragara mu nzego nyinshi; abakozi babaye bakeya mu rubyiruko kuko urwinshi rwiririrwa ntacyo rukora, ibigo bya "Gikondo Transit Center", Iwawa na Huye "Rehabilitation Centers" bitwara amafaranga menshi ku ngengo y'imari ya minisiteri y'ubutegetsi bw'Igihugu n'Imiyoborere myiza n'abandi bafatanya bikorwa bayo.

## UBURYO BWO GUFASHA UWAHUYE N'IKIBAZO CY'IKORE-SHWA RY'IBIYOBYABWENGE

Ubufasha bugomba gutangwa hibandwa cyane cyane ku mpamvu zitera ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge:

- Gukumira ikoreshwa n'ikwirakwizwa ry'ibiyobyabwenge,
- Gushishikariza urubyiruko kwirinda agakungu/ibigare bibakurura mw'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge,
- Mu gihe umuntu yaba afite ibibazo bijyanye n'amarangamutima cyangwa n'imitekerereze, akegera abashinzwe ku mufasha aho kugira ngo yirohe mw'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge,
- Mu gihe umuntu yatangiye gukoresha ibiyobyabwenge, amaze guhura na zimwe mu ngaruka twavuze hejuru nko kunanirwa kubihagarika we ubwe, kurwara indwara zo mu mutwe cyangwa z'umubiri, Abamuri hafi basabwa kumenyesha inzego zibishinzwe (uburezi, police n'umuryango muri rusange) akagezwa kwa muganga kugirango abone ubufasha, byaba

ngombwa n'abo bafatanya gukoresha ibiyobyabwenge bakagenerwa n'izo nzego gahunda z'ubufasha zitandukanye zirimo kugororwa no gufashwa kureka ibiyobyabwenge.

## 8. URUHARE RW'URUBYIRUKO MU KURWANYA NO GUKUMIRA IBIYOBYABWENGE

Gukumira ibiyobyabwenge ni inshingano ya buri wese. By'umwihariko urubyiruko rurashishikarizwa ibi bikurikira:

- Kwirinda ibigare/agakungu bibakurura mu ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge
- Kwita no kumenya umuntu utangiye kugira amarangamutima n'imitekerereze bidasanzwe
- Gushinga za Karabu zo kurwanya ibiyobyabwenge mu mashuri n'ahandi bateranira
- Gutanga amakuru ku nzego z'ibanze cyangwa kuri polisi mu gihe habonetse ahari ibiyobyabwenge
- Gukunda umurimo no gutekereza iteka icyaguteza imbere.

## 9. IHANWA RY'ICURUZA, IKORA N'IKORESHWA RY'IBIYOBYABWENGE

### Amategeko avuga kubiyobyabwenge

1. Itegeko n°03/2012 ryo kuwa 15/02/2012 rigena imikoreshereze y'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu Rwanda
2. Iteka rya Minisitiri w'Intebe N° 113/03 ryo ku wa 19/06/2015 rishyiraho Komite ihuriweho na za Minisiteri, ishinzwe kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo ritemewe n'amategeko kandi rikagena imiterere n'imikorere byacyo
3. Itegeko N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 Ngenga rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana
4. Itegeko N°54/2011 ryo kuwa 14/12/2011 ryerekeye uburenganzira bw"umwana n'uburyo bwo kumurinda no kumurengera (Article 44)
5. Hari kandi n'amategeko mpuzamahanga

## Ihanwa ry'ibyaha byerekeranye n'ikora, icuruza, ikoresha n,ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge

Ingingo zikurikira n'izo mu Itegeko N° 01/2012/OL ryo kuwa 02/05/2012 Ngenga rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana.

### *Ingingo ya 202: Ibihano ku cyaha cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikoresheje imiti, ibiyobyabwenge, amashusho, ibimenyetso, imvugo cyangwa inyandiko*

Umuntu wese ukoresha imiti, ibiyobyabwenge, amashusho, ibimenyetso, imvugo cyangwa inyandiko, agamije gukoraohoterwa rishingiye ku gitsina, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

### *Ingingo ya 220: Gushora umwana mu bucuruzi bw'ibiyobyabwenge, ubw'intwaro cyangwa ubw'ibindi bicuruzwa bitemewe n'amategeko*

Umuntu wese ushora umwana mu bucuruzi bw'ibiyobyabwenge, ubw'intwaro cyangwa bindi bicuruzwa bitemewe n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

### *Ingingo ya 593: Ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge bitemewe n'amategeko*

Guhinga, gukora, guhindura, kugurisha, gutunda, kubika no kunywa ibiyobyabwenge birabujijwe keretse mu bihe no mu buryo byagenwe n'itegeko. Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze ritangaza urutonde rw'ibiyobyabwenge.

### *Ingingo ya 594: Ibihano ku muntu ukoresha ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo bitemewe n'amategeko*

Umuntu wese unywa, witera, uhumeka, wisiga cyangwa ukoresha ubundi buryo ubwo ari bwo bwose ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa

nka byo mu buryo bunyuranyije n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000).

Umuntu wese ukora, uhindura, winjiza, ugurisha mu gihugu ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu buryo bunyuranije n'amategeko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ibikorwa bivugwa mu gikacya 2 cy'iyi ngingo, mu gihe bikozwe mu rwego mpuzamahanga, ibihano byikuba kabiri.

### *Ingingo ya 595: Ibihano ku muntu worohereza undi mu gukoresha ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo*

Umuntu wese ufasha undi kubona uburyo bumworoheye bwo gukoresha ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo, amuha aho abikoreshereza cyangwa amubonera ubundi buryo ubwo ari bwo bwose, ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni na byo bihanishwa uwahawe ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo abiherewe ku mpapuro mpimbano z'abaganga cyangwa ku mpapuro zatanzwe ku buryo bw'uburiganya cyangwa uwatanze izo mpapuro azi ko nta kuri kurimo.

Umuntu wese utanga ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo ashingiye ku mpapuro abona ko nta kuri kurimo, ahanishwa ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

### *Ingingo ya 596: Gushora umwana mu biyobyabwenge*

Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 220 y'iri tegeko ngenga, umuntu wese ushora umwana mu biyobyabwenge mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana atanu (500.000) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000).

### *Ingingo ya 597: Inyagwa ry'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nkabyo*

Mu gihe hakozwe ibyaha biteganywa kuva ku ngingo ya 594 kugeza ku ngingo ya 596 z'iri tegeko ngenga, urukiko rutegeka inyagwa ry'ibiyobyabwenge n'urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo, ibibikomokaho n'ibyo bikomokaho byose n'inyagwa ry'ibikoresho n'inyubako byose byafashije guhinga, gukora, guhindura, kunywa, gucuruza, kubika no gutwara ibyo biyobyabwenge, ibibikomokaho n'ibyo bikomokaho.

Igihano cy'ubunyagwe gishobora gutangwa n'iyo nyir'ugukora icyaha atari nyir'ibintu byavuzwe mu gikacya mbere cy'iyi ngingo, mu gihe nyirabyo yari azi icyo bikoreshwa.

## INGAMBA ZAFASHWE MU GUKUMIRA IBIYOBYABWENGE

- Hashyizweho amategeko agenga ikoreshwa ry'imiti ishobora kuvamo ibiyobyabwenge kimwe n'ahana abakoresha ibiyobyabwenge.
- Hahyizweho Komite ihuriweho na za Minisiteri, ishinzwe kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge n'imiti ikoreshwa nka byo ritemewe n'amategeko kandi rikagena imiterere n'‟imikorere byacyo.
- Polisi y'u Rwanda ifatanije na Minisiteri y'ubuzima bashyizeho gahunda yo kwigisha mu mashuri no mu yandi mahuriro.
- Leta kandi yashyizeho ibigo byita ku babaye imbata y'ibiyobyabwenge harimo ikigo cy'IWAWA n'ikigo cya HUYE" Rehabilitation Center".

- Muri Polisi y'u Rwanda hashyizweho ishami ryihariye rishinzwe kurwanya no gukumira ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge mu Rwanda (Anti-Narcotics Unit).
- Igitabo cy'amategeko ahana cyaravuguruwe Itegeko rishya rigiye gusohoka rizaba rifite ibihano bikomeye kurusha ibyo twabonye haruguru.